ITEGEKO N° 04/2013 RYO KUWA 08/02/2013 RYEREKEYE KUBONA AMAKURU

LAW N° 04/2013 OF 08/02/2013 RELATING TO ACCESS TO INFORMATION

LOI N° 04/2013 DU 08/02/2013 RELATIVE A L'ACCES A L'INFORMATION

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER I: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier: Objet de la présente loi**
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions of terms**	**Article 2: Définitions des termes**
UMUTWE WA II: UBURENGANZIRA KU MAKURU	**CHAPTER II: RIGHT TO INFORMANTION**	**CHAPITRE II : DROIT A L'INFORMATION**
Ingingo ya 3: Ukubona amakuru	**Article 3: Access to information**	**Article 3: Accès à l'information**
Ingingo ya 4: Amakuru atemewe gutangazwa	**Article 4: Confidential information**	**Article 4: Information non diffusable**
Ingingo 5: Amakuru ashobora guhungabanya umutekano w'Igihugu	**Article 5: Information that may destabilize national security**	**Article 5 : Information pouvant porter atteinte à la sécurité nationale**
Ingingo 6: Inyungu z'abaturage mu itangazwa ry'amakuru	**Article 6: Public interest in disclosure of information**	**Article 6 : Intérêt du public dans la publication de l'information**
Ingingo ya 7: Itangaza ry'amakuru ya ngombwa akenewe na rubanda	**Article 7: Disclosure of vital information to the public**	**Article 7: Publication de l'information nécessaire au public**
UMUTWE WA III: GUSABA AMAKURU NO KUYABONA	**CHAPTER III: REQUEST AND OBTAINING INFORMATION**	**CHAPITRE III : DEMANDE ET OBTENTION DE L'INFORMATION**
Ingingo ya 8: Abashinzwe amakuru mu nzego za	**Article 8: Information officers in public organs**	**Article 8: Agents d'Information dans les**

Leta		**organes publics**
Ingingo ya 9: Isabwa ry'amakuru	**Article 9: Request for information**	**Article 9: Demande d'information**
Ingingo ya 10: Amafaranga asabwa mu itangwa ry'amakuru	**Article 10: Fees required to provide information**	**Article 10: Frais requis pour la fourniture de l'information**
Ingingo ya 11:Gusuzuma isabwa ry'amakuru	**Article 11: Examining an application for information**	**Article 11: Examen de demande d'information**
Ingingo ya 12: Gukosora amakuru bwite y'umuntu	**Article 12: Correction of personal information**	**Article 12: Correction de l'information personnelle**
UMUTWE WA IV: IYUBAHIRIZWA RY'ITEGEKO KU BIGO BY'ABIKORERA	**CHAPTER IV: COMPLIANCE WITH THIS LAW BY PRIVATE ORGANS**	**CHAPITRE IV: RESPECT DE LA PRESENTE LOI PAR LES ORGANES PRIVES**
Ingingo ya 13: Inzego z'abikorera zirebwa n'iri tegeko	**Article 13: Private bodies to which this Law applies**	**Article 13: Organes privés auxquels la présente loi est applicable**
Ingingo ya 14: Kubona amakuru mu rwego rw'abikorera rutarebwa n'iri tegeko	**Article 14: Access to information in private organ to which this Law does not apply**	**Article 14: Accès à l'information dans les organes privé auxquels la présente loi ne s'applique pas**
Ingingo ya 15: Abakozi bashinzwe amakuru mu nzego z'abikorera	**Article 15: Information officers in private bodies**	**Article 15: Agents d'information dans des organes privés**
UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 16: Kurengera uwatangaje amakuru	**Article 16: Protection of persons who disclosed information**	**Article 16: Protection de la personne qui a fournit l'information**
Ingingo ya 17: Ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko	**Article 17: Enforcement of this Law**	**Article 17: Mise en application de la présente loi**

Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 18: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 19: Repealing provision**	**Article 19: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 20: Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa	**Article 20: Commencement**	**Article 20: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N° 04/2013 RYO KUWA 08/02/2013 RYEREKEYE KUBONA AMAKURU

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 19 Ugushyingo 2012;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 15 Ugushyingo 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 33 , iya 34, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93 ,iya 94, iya 95, iya 108, iya 182 n'iya 201;

Ishingiye ku Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu ryo kuwa 10 Ukuboza 1948 cyane cyane mu ngingo yaryo ya 19;

LAW N° 04/2013 OF 08/02/2013 RELATING TO ACCESS TO INFORMATION

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 19 November 2012;

The Senate, in its session of 15 November 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 33, 34, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 182 and 201;

Pursuant to the Universal Declaration of Human Rights of 10 December, 1948, especially in Article 19;

LOI N° 04/2013 DU 08/02/2013 RELATIVE A L'ACCES A L'INFORMATION

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République,

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députes, en sa séance du 19 novembre 2012;

Le Sénat, en sa séance du 15 novembre 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 33, 34, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 182 et 201;

Vu la Déclaration Universelle des Droits de l'Homme du 10 décembre 1948, spécialement en son article 19;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yo ku wa 16 Ukuboza 1966 yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano no mu bya Politiki nk'uko yemejwe n'Itegeko- teka nº 08/75 ryo ku wa 12/02/1975 , cyane cyane mu ngingo yayo ya 19;

Pursuant to the International Covenant of 16 December 1966 on Civil and Political Rights as ratified by the Decree-Law nº 08/75 of 12/02/1975, especially in Article 19;

Vu le Pacte International du 16 décembre 1966 sur les Droits Civils et Politiques, telle que ratifié par le Décret-loi nº 08/75 du 12/02/1975 spécialement en son article 19;

Ishingiye ku Masezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yo ku wa 27 Kamena 1981 nk'uko yemejwe n'Itegeko nº 10/1983 ryo ku wa 01/07/1983, cyane cyane mu ngingo yayo ya 9;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights of 27 June 1981 as ratified by Law nº 10/1983 of 01/07/1983, especially in Article 9;

Vu la Charte Africaine sur les Droits de l'Homme et des Peuples du 27 juin 1981 telle que ratifiée par la Loi nº 10/1983 du 01/07/1983, spécialement en son article 9;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigamije gutuma abaturage n'abanyamakuru babona amakuru yo mu nzego za Leta no mu nzego zimwe z'abikorera**.**

This Law shall enable the public and journalists to access information possessed by public organs and some private bodies.

La présente loi permet au public et aux journalistes d'accéder à l'information détenue par les organes publics et certains organes privés.

Iri tegeko rishyiraho kandi inzira n'uburyo biteza imbere itangazwa n'ikwirakwizwa ry'amakuru.

This Law shall also establish modalities and procedures to promote the publication and dissemination of information.

La présente loi établit également le système et le processus de promotion de la publication et de la diffusion de l'information.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri tegeko amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

In this Law, the following terms shall have the following meanings :

Dans la présente loi les termes suivants ont des significations suivantes:

1° **amakuru**: ibyakozwe, ibigamijwe gukorwa n'ibyavuzwe bikubiye muri raporo,

1° **information**: facts, things intended to be done, speeches held in reports, documents

1° **information**: faits réalisés, faits à réaliser et discours contenus dans les rapports, les

inyandiko z'amatangazo, amashusho, ubutumwakoranabuhanga, ibitekerezo, inama, amatangazo yagenewe abanyamakuru, amabwiriza, amateka n'ibyemezo, ibitabo bya gahunda z'akazi, amasezerano, ibinyamakuru, ingero n'ibindi bibitswe mu buryo ubwo ari bwo bwose bigamije inyungu rusange, bifitwe n'inzego za Leta na zimwe mu nzego z'abikorera;

to be published, pictures, mails, opinions, advice, press releases, circulars, orders, logbooks, contracts, papers, samples, and any other material of public interests held in any form by a public organ and certain organs of private bodies;

documents publicitaires, photos, e-mail, opinions, conseils, communiqués de presse, circulaires, arrêtés et décisions, plans de travail, contrats, journaux, échantillons et toutes sortes de données à caractère d'intérêt général, tenues dans n'importe quelle forme par un organe public et certains organes privés;

2° **kubona amakuru**: kuyasaba, kuyashyikirizwa, kuyareba, kuyumva, kuyasuzuma ku buryo burambuye, kuyafataho kopi, kuyafotora no kuyakoresha mu buryo butabangamiye amategeko;

2° **access to information**: to request, receive, look at, understand, peruse, take a sample of, copy and use information in a way that is not contrary to the Law;

2° **accès à l'information**: demander, recevoir, regarder, comprendre, examiner attentivement, prendre un échantillon, photocopier et utiliser l'information de manière qui n'est pas contraire à la loi;

3° **Minisitiri:** Minisitiri ufite itangazamakuru mu nshingano ze;

3° **Minister**: the Minister in charge of information;

3° **Ministre**: Ministre ayant l'information dans ses attributions;

4° **Urwego rw'abikorera**: Urwego rutari urwa Leta rukora akazi ako ari ko kose gafite aho gahurira n'inyungu rusange, cyangwa uburenganzira n'ubwisanzure bwa muntu;

4° **private body:** a body that is not a public organ but that carries any business in relation to public interest, or to rights and freedoms of people;

4° **organe privé**: organe qui n'est pas public, mais menant toute sorte d'activité en relation avec l'intérêt général ou avec les droits et libertés de la personne ;

5° **Urwego rwa Leta**: urwego rw'ubutegetsi bwa Leta rushyirwaho n'Itegeko Nshinga cyangwa andi mategeko, cyangwa urwego urwo ari rwo rwose rukoresha amafaranga akomoka ku ngengo y'imari ya Leta cyangwa se amafaranga aturuka ku mahoro agenwa mu buryo bwemewe n'amategeko;

5° **public organ:** administrative entity established by the Constitution or any other Laws or any other organ that uses money from the national budget or any money originating from tax revenues as provided by the Law;

5° **organe public**: entité administrative établie par la Constitution ou par toutes autres lois ou tout organe utilisant les fonds provenant du budget de l'Etat ou des recettes fiscales conformément à la loi;

6° **umukozi ushinzwe amakuru**: umuntu washyizweho cyangwa wagenwe mu rwego rwa Leta cyangwa urw'abikorera ushinzwe

6° **information officer**: a person appointed or designated by a public or private organ in charge of providing information and to

6° **agent chargé de l'information**: personne nommée ou désignée dans un organe public ou privé chargé de fournir l'information et de

gutanga amakuru no korohereza abayakeneye.

facilitate those who need it.

faciliter l'accès à ceux qui en ont besoin.

UMUTWE WA II: UBURENGANZIRA KU MAKURU

CHAPTER II: RIGHT TO INFORMANTION

CHAPITRE II : DROIT A L'INFORMATION

Ingingo ya 3: Ukubona amakuru

Buri muntu afite uburenganzira bwo kubona amakuru afitwe n'urwego rwa Leta na zimwe mu nzego z'abikorera.

Uburenganzira bwo kubona amakuru harimo ibi bikurikira:

1° gusuzuma ibikorwa, inyandiko cyangwa amakuru abitse;

2° kwandika, gufata inyandiko zuzuye, ibice byazo cyangwa kopi zemewe n'ubuyobozi bw'urwo rwego cyangwa amakuru abitse;

3° gufata inyandiko zuzuye cyangwa ibice byazo ziriho umukono wa noteri;

4° kubona amakuru abitswe mu buryo ubwo ari bwo bwose bw'ikoranabuhanga cyangwa mu nyandiko zicapwe zivanywe muri mudasobwa cyangwa mu kindi kintu icyo ari cyo cyose.

Article 3: Access to information

Every person has the right of access to information in possession of a public organ and some private bodies.

The right of access to information includes the following:

1° assessing activities, documents or records;

2° taking notes, documents, extracts or copies of official documents or records;

3° taking documents or extracts of notified copies;

4° obtaining information stored in any electronic form or through print-outs copies of information stored in a computer or in any other device.

Article 3: Accès à l'information

Chaque personne a le droit d'accéder à l'information détenue par un organe public et certains organes privés.

Le droit d'accéder à l'information inclut ce qui suit:

1° analyser les activités, les documents ou les enregistrements;

2° prendre notes, des documents, des extraits ou des copies officielles des documents ou des enregistrements;

3° prendre des documents ou extraits des copies notifiées;

4° obtenir l'information sauvegardée sous toute forme électronique, ou par des copies imprimées de l'information stockée dans un ordinateur, ou dans n'importe quel autre dispositif.

Ingingo ya 4: Amakuru atemewe gutangazwa

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 3 y'iri tegeko, amakuru afitwe n'urwego rwa Leta cyangwa urw'abikorera rurebwa n'iri tegeko

Article 4: Confidential information

Without prejudice to the provisions of Article 3 of this Law, information withheld by a public organ or private body to which this Law applies shall not

Article 4: Information non diffusable

Sans préjudice des dispositions de l'article 3 de la présenté loi, l'information tenue par un organe public ou privé auxquels la présente loi est

ntiyemewe gutangazwa, iyo ashobora:

1° guhungabanya umutekano w'Igihugu;

2° kubangamira iyubahirizwa ry'amategeko cyangwa ubutabera;

3° gutera ukwivanga mu buzima bwite bw'umuntu bitari mu nyungu rusange;

4° kubangamira ukurindwa kw'amabanga y'ubucuruzi cyangwa ubundi burenganzira bw'umutungo mu by'ubwenge kwemewe n'amategeko ;

5° kubangamira mu ikurikiranwa n'ubutabera k'ubuyobozi bw'urwego rwa Leta cyangwa igihe riteganyijwe.

Iyo amakuru yasabwe yerekeye amakuru abitswe agizwe n'ibice bibiri (2), kimwe gikubiyemo amakuru atemewe gutangazwa, ikindi gikubiyemo ayemewe gutangazwa mu buryo buteganywa n'iri tegeko, uwayasabye ahabwa ayemewe gutangazwa.

Ingingo 5: Amakuru ashobora guhungabanya umutekano w'igihugu

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 4 y'iri tegeko, Minisitiri agishije inama inzego zibishinzwe, ashyiraho Iteka rigena amakuru yaba

be published when it may:

1° destabilize national security;

2° impede the enforcement of Law or justice;

3° involve interference in the privacy of an individual when it is not of public interest;

4° violate the legitimate protection of trade secrets or other intellectual property rights protected by the Law;

5° obstruct actual or contemplated legal proceedings against the management of public organ.

If the request for information relates to record containing information in two (2) parts one part being not allowed to be published and the other part contains information that can be published as provided by this Law, the requesting person shall be provided with information allowed to be published.

Article 5: Information that may destabilize national security

Without prejudice to the provisions of Article 4 of this Law, the Minister, in consultation with the concerned organs, shall issue an Order determining

applicable ne doit pas être publiée si elle peut :

1° porter atteinte à la sécurité nationale;

2° entraver le respect des lois ou la justice;

3° impliquer l'ingérence dans la vie privée d'une personne qui n'est pas à caractère d'intérêt général;

4° violer la protection légitime des secrets commerciaux ou de tout autre droit de propriété intellectuelle protégé par la loi ;

5° faire obstruction aux poursuites judiciaires en cours ou envisagées à l'égard de l'administration d'un organe public.

Au cas où les informations demandées sont en deux (2) parties dont une partie consiste en information non diffusable, alors que le reste contient l'information diffusable, la personne en quête reçoit l'information diffusable.

Article 5 : Information pouvant porter atteinte à la sécurité nationale

Sans préjudice des dispositions l'article 4 de la présente loi, le Ministre, après consultation avec d'autres organes concernés, émet un arrêté

intandaro yo guhungabanya umutekano w'Igihugu.

Ingingo 6: Inyungu z'abaturage mu itangazwa ry'amakuru

Urwego rwa Leta cyangwa urwego rw'abikorera rurebwa n'iri tegeko rugomba kumenyekanisha amakuru mu gihe inyungu z'abaturage mu itangazwa ryayo zisumbya uburemere inyungu zo kutayatangaza.

Mu gihe hasuzumwa ibigize inyungu z'abaturage, hagomba kwitabwaho ibi bikurikira:

1° guteza imbere mu nzego za Leta n'iz'abikorera zirebwa n'iri tegeko umuco wo gusobanurira abaturage ibyo zikora;

2° guharanira ko imikoreshereze y'imari ya Leta icungwa kandi igenzurwa neza;

3° kwimakaza ibiganiro mpaka bifite ireme;

4° kumenyesha abaturage ku buryo buhoraho kandi bwuzuye ibibazo byose byugarije ubuzima bwabo, umutekano cyangwa ibidukikije;

5° guharanira ko urwego urwo ari rwo rwose rwa Leta rufite inshingano y'ubugenzuzi ruyuzuza uko bikwiye.

which information could destabilize national security.

Article 6: Public interest in disclosure of information

A public organ or a private body to which this Law applies shall disclose information where the public interest in disclosure outweighs the interest of not disclosing such information.

In considering what constitutes the public interest, particular emphasis shall be put on the following:

1° to promote in public and private organs to which this Law applies the culture of informing the public about their activities;

2° to ensure that the expenditure of public funds is subject to effective management and oversight;

3° to promote founded public debate;

4° to keep the public regularly and adequately informed about the existence of any danger to public health or safety or to the environment;

5° to ensure that any public authority with regulatory mission properly discharges its functions.

déterminant le type d'information qui peut porter atteinte à la sécurité nationale.

Article 6 : Intérêt du public dans la publication de l'information

L'organe public ou l'organe privé auquel la présente loi est applicable doit publier une information quand les questions d'intérêt du public dans sa diffusion remportent sur les intérêts protégés par sa non diffusion.

L'examen des éléments constituant l'intérêt public, tient compte de ce qui suit :

1° promouvoir au sein des organes publics et privés auxquels la présente loi est applicable la culture d'informer le public sur leurs activités ;

2° s'assurer que les dépenses des fonds publics sont sujettes à une gestion et un contrôle efficaces;

3° promouvoir des débats publics fondés;

4° informer de façon permanente et suffisante le public au sujet de tous les dangers qui guettent la santé publique, la sécurité ou l'environnement;

5° s'assurer que tout organe public de régulation assume correctement ses fonctions.

Ingingo ya 7: Itangaza ry'amakuru ya ngombwa akenewe na rubanda

Buri rwego rwa Leta n'urw'abikorera rurebwa n'iri tegeko rutangaza amakuru ya ngombwa akenewe na rubanda rutagombye kuyasabwa. Iteka rya Minisitiri rigena mu buryo burambuye amakuru agomba gutangazwa.

UMUTWE WA III: GUSABA AMAKURU NO KUYABONA

Ingingo ya 8: Abashinzwe amakuru mu nzego za Leta

Urwego rwa Leta rushyiraho cyangwa rukagena umukozi ushinzwe amakuru kuri urwo rwego no ku ishami ryarwo, iyo rihari, kugira ngo rushobore kugeza amakuru ku bantu bayasaba hakurikijwe iri tegeko.

Iyo umukozi ushinzwe gutanga amakuru adahari, urwego cyangwa ishami ryarwo biteganya umusimbura.

Ingingo ya 9: Isabwa ry'amakuru

Amakuru asabwa n'umuntu ku giti cye cyangwa itsinda ry'abantu mu rurimi urwo ari rwo rwose mu ndimi zemewe n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda hakoreshejwe imvugo, inyandiko, telefoni, ikoranabuhanga cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko.

Article 7: Disclosure of vital information to the public

Every public and private organ to which this Law applies shall proactively disclose the vital information to the public. A Ministerial Order shall determine in details the information to be disclosed.

CHAPTER III: REQUEST AND OBTAINING INFORMATION

Article 8: Information officers in public organs

A public organ shall appoint or designate an information officer for that organ and its branch, if there is any, to enable it to provide information to persons requesting for it in accordance with this Law.

If the officer in charge of information is absent, the organ or its branch shall designate someone a substitute.

Article 9: Request for information

Information shall be requested by an individual or a group of persons in any of the official languages provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda verbally, in writing, by telephone, internet or any other means of communication without prejudice to the provisions of this Law.

Article 7: Publication de l'information nécessaire au public

Chaque organe public et privé auquel la présente loi est applicable publie, de son initiative, l'information nécessaire au public. Un arrêté ministériel détermine en détails l'information à publier.

CHAPITRE III : DEMANDE ET OBTENTION DE L'INFORMATION

Article 8: Agents d'Information dans les organes publics

L'organe public nomme ou désigne un agent d'information pour cet organe et sa branche, s'il ya en une, pour lui permettre de fournir l'information aux personnes qui la demandent en vertu de la présente loi.

En cas d'absence de l'agent chargé de l'information, l'organe ou sa branche désigne son remplaçant.

Article 9: Demande d'information

L'information est demandée par une personne ou un groupe des personnes dans l'une des langues officielles prévues par la Constitution de la République du Rwanda par voie verbale, écrite, par téléphone, par internet ou par tout autre moyen de communication sans porter préjudice aux dispositions de la présente loi.

Usaba amakuru ni we ugaragaza uburyo yifuza kuyahabwamo. Ariko iyo uburyo yifuza kuyahabwamo birenze ubushobozi bw'urwego rusabwa kuyatanga, usaba amakuru yishyura ikiguzi kijyanye n'uburyo ayifuzamo.

The person applying for information shall determine the means in which he/she wants to obtain information. However, if the means chosen for obtaining the information requested exceeds the capacity of the requested organ, the applicant shall bear the cost.

Le demandeur d'information détermine par quel moyen il veut obtenir l'information. Toutefois lorsque le moyen souhaité pour obtenir l'information demandée dépasse la capacité de l'organe donnant l'information, le demandeur en supporte le coût.

Ingingo ya 10: Amafaranga asabwa mu itangwa ry'amakuru

Article 10: Fees required to provide information

Article 10: Frais requis pour la fourniture de l'information

Gutanga amakuru ni inshingano itagomba ikiguzi.

The provision of information is an obligation without fee.

La fourniture de l'information est une obligation effectuée à titre gratuit.

Icyakora bitewe n'uburyo amakuru agomba gutangwamo, ikiguzi cya kopi cyangwa icyo kohereza amakuru gishobora kwishyuzwa uwayasabye.

However, depending on the means for providing the information, charges for making copies or sending information may be charged to the applicant.

Cependant, compte tenu du moyen utilisé pour fournir l'information, les frais de tirage de copies ou d'envoie de l'information peuvent être exigés au demandeur.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bikorwamo.

A Ministerial Order shall determine the procedure thereof.

Un arrêté ministériel détermine la procédure y relative.

Ingingo ya 11: Gusuzuma isabwa ry'amakuru

Article 11: Examining an application for information

Article 11: Examen de demande d'information

Umukozi ushinzwe amakuru iyo ayasabwe, afata icyemezo akurikije ubwihutirwe bwayo. Isabwa ry'amakuru rishobora kwemerwa cyangwa ntiryemerwe. Iyo isabwa ry'amakuru ritemewe, hatangwa ibisobanuro bishingiye ku mategeko.

The information officer, to whom the information is requested, shall take decision according to priorities. When the request of information is not accepted, explanations based on the Law shall be provided.

L'agent d'information à qui la demande est adressée prend la décision conformément aux priorités. lorsque la demande d'information n'est pas acceptée, des explications basées sur les dispositions légales sont fournies.

Iteka rya Minisitiri rigena igihe ntarengwa cyo gutanga amakuru cyangwa gutanga ibisobanuro byo kutayatanga.

A Ministerial Order shall determine the time limit for the provision of information or explanations of not providing it.

Un arrêté ministériel détermine le temps requis pour donner l'information ou pour fournir les explications de ne pas la donner.

Ingingo ya 12: Gukosora amakuru bwite y'umuntu

Bisabwe na nyir'ubwite cyangwa umuhagarariye mu buryo bwemewe n'amategeko, urwego rwa Leta cyangwa urw'abikorera, rukoresheje amikoro yarwo rukosora amakuru amwerekeye ayo ari yo yose rufite mu gihe arimo amakosa, atuzuye cyangwa adakwiriye.

Usaba ikosora abikora mu nyandiko igenewe umuyobozi w'Urwego rwa Leta cyangwa urw'abikorera rubitse ayo makuru.

Icyakora mu gihe byihutirwa, usaba ikosora ashobora kubikora mu mvugo.

Article 12: Correction of personal information

Upon the request by the concerned person or his/her authorized representative, a public or private body shall, at its own expense, correct any personal information held by it relating to the applicant which is inaccurate, incomplete or irrelevant.

A person requesting for the correction of the information shall write to the head of the public or private organ that has the information.

However, in case of emergency, a person requesting for correction may do so verbally.

Article 12: Correction de l'information personnelle

Sur demande de la personne concernée ou son représentant légal, un organe public ou privé, à ses propres frais, corrige toute information personnelle concernant le demandeur qu'il détient lorsqu' elle est incorrecte, incomplète ou non pertinente.

La personne qui demande la correction d'information le fait par lettre au responsable de l'organe public ou privé détenant l'information.

Toutefois, en cas d'urgence, le demandeur de la correction peut le faire verbalement.

UMUTWE WA IV: IYUBAHIRIZWA RY'IRI TEGEKO KU NZEGO Z'ABIKORERA

CHAPTER IV: COMPLIANCE WITH THIS LAW BY PRIVATE ORGANS

CHAPITRE IV: RESPECT DE LA PRESENTE LOI PAR LES ORGANES PRIVES

Ingingo ya 13: Inzego z'abikorera zirebwa n'iri tegeko

Inzego z'abikorera zirebwa n'iri tegeko ni izikora imirimo ifitanye isano n'inyungu rusange, uburenganzira n'ubwisanzure bwa muntu.

Iteka rya Minisitiri rigena inzego z'abikorera zirebwa n'iri tegeko.

Article 13: Private organs to which this Law applies

Private organs to which this Law applies are those whose activities are in connection with public interest, human rights and freedoms.

A Ministerial Order shall determine private organs to which this Law applies.

Article 13: Organes privés auxquels la présente loi est applicable

Les organes privés auxquels la présente loi est applicable sont ceux dont les activités sont en rapport avec l'intérêt général, les droits et libertés de la personne.

Un arrêté ministériel détermine les organes privés auxquels la présente loi est applicable.

Ingingo ya 14: Kubona amakuru mu rwego rw'abikorera rutarebwa n'iri tegeko

Umuntu uwo ari we wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha ko rutegeka urwego rw'abikorera rutarebwa n'iri tegeko gutanga amakuru amwe n'amwe hashingiwe ko ayo makuru akenewe kugira ngo arengere ubuzima cyangwa ubwisanzure bwa muntu.

Article 14: Access to information in a private organ to which this Law does not apply

Any interested person may request a competent court to order that a private organ to which this Law does not apply provides some information required in the interest to preserve the life or liberty of persons.

Article 14: Accès à l'information dans un organe privé auquel la présente loi ne s'applique pas

Toute personne intéressée peut demander à la juridiction compétente d'ordonner qu'un organe privé auquel la présente loi ne s'applique pas fournisse quelques informations nécessaires à la sauvegarde de la vie ou de la liberté des personnes.

Ingingo ya 15: Abakozi bashinzwe amakuru mu nzego z'abikorera

Urwego rw'abikorera rushyiraho cyangwa rukagena umukozi ushinzwe amakuru kuri urwo rwego no ku ishami ryarwo, iyo rihari, kugira ngo rushobore kugeza amakuru ku bantu bayasaba hakurikijwe iri tegeko.

Iyo umukozi ushinzwe gutanga amakuru adahari, Urwego cyangwa ishami ryarwo biteganya umusimbura.

Article 15: Information officers in private organs

A private organ shall appoint or designate an information officer for that organ and its branch, if there is any, to enable it to provide information to persons requesting for it in accordance with this Law.

If the officer in charge of information is absent, the organ or its branch shall designate a substitute.

Article 15: Agents d'information dans des organes privés

L'organe privé nomme ou désigne un agent d'information pour cet organe et sa branche, s'il y en a une, pour lui permettre de fournir l'information aux personnes qui en font la demande en vertu de la présente loi.

En cas d'absence de l'agent chargé de l'information, l'organe ou sa branche désigne son remplaçant.

UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 16: Kurengera uwatangaje amakuru

Bitabangamiye ibiteganyijwe mu ngingo ya 4 y'iri tegeko, nta muntu uhanwa hashingiwe ko yatanze amakuru yabonye mu gihe ababishinzwe batabikoze mu gihe giteganywa n'amategeko, iyo

CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 16: Protection of a person who disclosed information

Without prejudice to the provisions of Article 4 of this Law, no person shall be punished as a result of having made a disclosure of information obtained when people who were supposed to disclose failed

CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Article 16: Protection de la personne qui a fourni l'information

Sans préjudice des dispositions de l'article 4 de la présente loi, nul n'est puni en raison de la publication des informations obtenues alors que les personnes qui étaient disposées à les donner

uwo muntu afite gihamya y'uko ayo makuru ari ukuri kandi ko gutangaza ayo makuru biri mu nyungu rusange.

to do so within the time limits provided for by the Law, if the person believes on reasonable grounds that the information is accurate and if its disclosure is in the public interest.

ne l'ont pas fait dans les délais prescrits par la loi si la personne croît que l'information donnée est correcte et que sa révélation est d'intérêt public.

Ingingo ya 17: Ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko

Urwego rw'Umuvunyi rukurikirana by'umwihariko ibijyanye n'iyubahirizwa ry'iri tegeko.

Article 17: Enforcement of this Law

The Office of the Ombudsman shall particularly monitor the enforcement of this Law.

Article 17: Mise en application de la présente loi

L'Office de l'Ombudsman assure particulièrement le suivi de la mise en application de la présente loi.

Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 18: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanweho.

Article 19: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 19: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 20: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 20: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 20: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 08/02/2013

Kigali, on 08/02/2013

Kigali, le 08/02/2013

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux